AMAHUGURWA Y'URUBYIRUKO KU MICUNGIRE Y'IBIZA N'UBUTABAZI BW'IBANZE

Tariki ya 19 kugeza 21 Gashyantare guhera i saa yine n'igice (10h30') kuri CENTRE PASTORALI ST JEAN PAUL II NYUNDO,Umuyobozi wa Caritas Nyundo/Gisenyi, Padiri Etienne MUKERAGABIRO yatangije amahugurwa ku micungire y'ibiza yaragenewe abakorerabushake (Volontaires) b'urubyiruko ijana rwo muri paruwasi ya NYUNDO,GISENYI,MUHATO,BUSASAMANA na KORA bari kumwe n'abapadiri babo. Yari yatumiwemo kandi n'Ushinzwe Imicungire y'Ibiza mu KARERE ka RUBAVU, Madame Marie Claire KAYITESI; abakozi ba Caritas ya Diyosezi ya Nyundo, Bwana Epimaque MBONYUBWABO ushinzwe iterambere, Madame Lucette UWAMAHORO ushinzwe ubuzima, Madamazela Espérance MUJAWAMARIYA ushinzwe imibereho myiza n'ubutabazi.

Ayo mahugurwa akaba yarateguwe ku bufatanye bwa Caritas Nyundo/Gisenyi na Caritas Rwanda ku nkunga ya TROCAIRE, hagamijwe kugeza ubumenyi bw'ibanze ku bantu benshi ku bijyanye n'ubutabazi mu gihe cy'ibiza. MIDMAR na CROIX ROUGE niyo yatanze abahuguye abandi.

Iyo miryango yavuzwe haruguru yarihagarariwe:

- Caritas Rwanda yarihagarariwe na Madame Thérèse NDUWAMUNGU,
- TROCAIRE yarihagarariwe na Madame Judith MUKESHIMANA,
- MIDMAR yarihagarariwe na Bwana Eric BUDEDERI,
- CROIX ROUGE yarihagarariwe na Dr Dyrckx DUSHIME.

- Urubyiruko rwaranzwe n’ ibyishimo byinshi byo gukurikira amahugurwa kuko aringirakamaro kuri bo mu kubaka Kiliziya Gatolika n’U Rwanda byejo hazaza.
- Bahuguwe ku ngingo zikurikira:
    - Ikiza ni iki?
    - Ubwoko bw’ibiza
    - Isesengura ry’ibikenewe mu bufasha
    - Amahame ngenderwaho mu gihe cy’ibiza
    - Uburyo itangazamakuru rikorwa mu gihe cy’ibiza
    - Imyitwarire y’umukorerabushake mu gihe cy’ibiza
    - Ubutabazi bw’ibanze
    - Uburyo butandukanye bukoreshwa mu butabazi.

- Bamaze gusobanurirwa izo ngingo tumaze kuvuga haruguru, basobanuriwe uburyo bukoreshwa mu butabazi banerekwa uko bukoreshwa. Imyitozo yarakozwe ku buryo buri wese yumvaga bakomeza kwerekwa uburyo bwose yakwifashisha mu gihe cyose byaba ngombwa gukora ubutabazi bw'ibanze.

- Uhagarariye abahuguwe mu ijambo rye, yashimiye abateguye amahugurwa, abayateye inkunga, abahuguwe na Karere ka Rubavu kaje kwifatanya nabo. Abahuguwe bagize n'ibyifuzo bageza kubari aho byo kuba babona icyemezo kigaragaza ko bahuguwe, gutegurirwa andi mahugurwa kugira ngo barusheho gusobanukirwa iby'imicungire y'ibiza n'ubutabazi bw'ibanze kuko basanze amahugurwa ari ingirakamaro cyane.

- Madame Judith MUKESHIMA, uhagarariye TROCAIRE Rwanda yashimye abahuguwe uko bitabiriye n'uko bagaragaje ubushake bwo gukurikira inyigisho. Yashimiye Dr Dyrckx DUSHIME na Eric BIDEDERI ukuntu bahuguranye ubuhanga n'ubushake akomeza ashimira Caritas Nyundo/Gisenyi ubufasha mu gutegura amahugurwa n'u- buryo babakiriye. Yashimiye ubufatanye n'Akarere ka Rubavu kuko bitabiriye amahugurwa bigaragaza ubufatanye bukomeye bw'Akarere ka Rubavu na Diyosezi ya Nyundo. Yaboneyeho no gusubiza icyifuzo cy'abahuguwe agaragaza ko bakwiye icyemezo cy'uko bahuguwe, ababwira ko bazabirebera hamwe na Caritas Rwanda.

- Padiri Etienne MUKERAGABIRO, Umuyobozi wa Caritas Nyundo/Gisenyi nawe yashimiye abahuguwe n'abahuguye, ashishikariza abahuguwe kuba abakorerabushake n'abatabazi beza barangwa n'impuhwe kimwe n'umusamaritani w'impuhwe uvugwa mu Ivanjili(Lk 10,30-35). Yashimiye MIDMAR yatanze igitekerezo cy'aya mahugurwa na TROCAIRE yatanze inkunga. Yakomeje ashimira abasaseridoti baherekeje urubyiruko nabo bakitabira amahugurwa.

- Madame Marie Claire KAYITESI, Ushinzwe imicungire y'ibiza mu Karere ka Rubavu yashoje amahugurwa ashimira abahuguwe n'abahuguye, ashimira ubufatanye bugaragara hagati ya Kiliziya Gatolika na Leta mu bikorwa biteza imbere abanyarwanda. Yerekanye uburyo urubyiruko arirwo ngufu zikomeye z'igihugu, bityo amahugurwa yabagenewe ni ingirikamaro mu iterambere kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu cyacu muri rusange. Yasabye abahuguwe kuzabyaza umusaruro amahugurwa bahawe; yababwiye ko ubu babaye itara rimurikira abandi; cyane cyane mu kwitabira n'izindi gahunda z'igihugu cyacu zirimo : kwita ku isuku mu ngo, ku mubiri no ku mihanda, kwitabira no gushishikariza abandi ubwisungane mu kwivuza, kurwanya ibiyobyabwenge, gukora umuganda, kwitabira inteko rusange z'abaturage, amatsinda y'urubyiruko,… Yarangije ashimira abari aho bose.

- Mbere yo gutaha urubyiruko rwaririmbye indirimbo yo gushimira bafata n'ifoto y'urwibutso.

Amahugurwa yashojwe I saa munane z'amanywa (14h00').

M^{lle} Espérance MUJAWAMARIYA

Ushinzwe ishami ry'Imibereho Myiza n'Ubutabazi muri Caritas Nyundo/Gisenyi.